**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**Ubuyobozi Bukuru bw' Ingabo z'u Rwanda (RDF HQ)**
**Ishami rishinzwe Abakozi (J1 Department)**
**P O Box 85 KIGALI**

# ITANGAZO RYIHARIYE KU BIFUZA KWINJIRA MU NGABO Z'U RWANDA MU RWEGO RW'INKERAGUTABARA

1. Ubuyobozi bukuru bw' Ingabo z'u Rwanda buramenyesha Abanyarwanda bose bifuza kwinjira mu ngabo z'u Rwanda ku rwego rw'abasirikare bagize umutwe w'Inkeragutabara (Reserve Force) ko kwiyandikisha ku turere no kumirenge bizatangira **tariki ya 14 kugeza tariki ya 19 Kanama 2024**. Abatazabona umwanya wo kwiyandisha ntibyababuza kuza k'umunsi w'ibizamini.

2. Abahamagawe ni abo ku rwego rw'Inkeragutabara baziga amezi atandatu mu Ishuri rya Gisirikare Gabiro (Rwanda Defence Force Combat Training Centre Gabiro). Abarangije amashuri yisumbuye bagomba kuba bafite imyaka y'amavuko kuva kuri 18 kugeza kuri 25. Abize amashuri y'imyuga (IPRC) bagomba kuba bafite imyaka y'amavuko itarenze 26. Kubafite ubumenyi bwihariye bize mu ishami ry'ubuganga (Medicine), ubuhanga (Engineering) ndetse n'amategeko (Law) babyifuza, bagomba kuba batarengeje imyaka 28 y'amavuko.

3. Abiyandikisha ni abasore n'inkumi bujuje ibi bikurikira:

   a. Kuba uri Umunyarwanda.
   b. Kuba ufite ubuzima buzira umuze.
   c. Kuba utarakatiwe n'inkiko.
   d. Kutagaragara ku rutonde rw'abirukanywe mu mirimo ya Leta.
   e. Kuba uri indakemwa mu mico no mu myifatire.
   f. Kuba ufite ubushake bwo kwinjira mu Ingabo z'u Rwanda.
   g. Gutsinda ibizamini bizatangwa.

4. Ibyangombwa bisabwa:

   a. Indangamuntu.
   b. Icyemezo cyerekana ko warangije amashuri atandatu yisumbuye (A level Certificate).
   c. Icyemezo cyerekana ko ufite A1 kubize amashuri y'imyuga (IPRC).
   d. Kubafite ubumenyi bwihariye, kwerekana icyemezo ko barangije icyiciro cya kabiri cya kaminuza (A0).
   e. Icyemezo cy' ubudakemwa mu mico no mu myifatire gitangwa n'ubuyobozi bw'Umurenge.
   f. Icyemezo cyo kuba utarakatiwe n'inkiko.

RWANDA DEFENCE FORCE HQ - OFFICE OF THE CHIEF J1

5. Abiyandikishije bazakora ibizamini by'ijonjora kuva tariki ya **19 Kanama** kugeza tariki **ya 3 Nzeri 2024** saa mbiri za mu gitondo aha hakurikira:

a. **Mu mujyi wa Kigali**:

(1) Mu karere ka Kicukiro ni tariki ya 19 n'iya 20 Kanama 2024 kuri Sitade ya IPRC Kicukiro.

(2) Mu karere ka Gasabo ni tariki ya 21 n'iya 22 Kanama 2024 kuri Sitade ya ULK.

(3) Mu karere ka Nyarugenge ni tariki ya 23 n'iya 24 Kanama 2024 kuri Pele Sitade i Nyamirambo.

b. **Intara y'Amajyaruguru**:

(1) Mu karere ka Gicumbi ni tariki ya 19 n'iya 20 Kanama 2024 kuri Sitade ya Gicumbi.

(2) Mu karere ka Burera ni tariki ya 21 n'iya 22 Kanama 2024 ku biro by'akarere.

(3) Mu karere ka Musanze ni tariki ya 23 n'iya 24 Kanama 2024 kuri Stade Ubworoherane.

(4) Mu karere ka Gakenke ni tariki ya 25 n'iya 26 Kanama 2024 ku kibuga cy'umupira cya Ngando.

(5) Mu karere ka Rurindo ni tariki ya 27 n'iya 28 Kanama 2024 ku kibuga cya Gasiza.

c. **Mu ntara y'Amajyepfo**:

(1) Mu karere ka Nyamagabe ni tariki ya 19 n'iya 20 Kanama 2024 kuri Sitade ya Nyamagabe.

(2) Mu karere ka Nyaruguru ni tariki ya 21 n'iya 22 Kanama 2024 ku kibuga cy'umupira cya Ndago.

(3) Mu karere ka Gisagara ni tariki ya 23 n'iya 24 Kanama 2024 ku biro by'akarere.

(4) Mu karere ka Huye ni tariki 25 n'iya 26 Kanama 2024 kuri Sitade ya Huye.

(5) Mu karere ka Nyanza ni tariki 27 n'iya 28 Kanama 2024 kuri Stade i Nyanza.

(6) Mu karere ka Ruhango ni tariki ya 29 n'iya 30 Kanama 2024 ku biro by'akarere.

(7) Mu karere ka Muhanga ni tariki ya 31 Kanama n'iya 1 Nzeri 2024 kuri Sitade ya Muhanga.

(8) Mu karere ka Kamonyi ni tariki ya 2 n'iya 3 Nzeri 2024 ku biro by'akarere.

d. **Mu ntara y'Iburasirazuba**:

(1) Mu karere ka Kirehe ni tariki ya 19 n'iya 20 Kanama 2024 ku biro by'akarere ka Kirehe.



RWANDA DEFENCE FORCE HQ - OFFICE OF THE CHIEF J1

(2) Mu karere ka Ngoma ni tariki ya 21 n'iya 22 Kanama 2024 i Ngoma ku kibuga cy'umupira.

(3) Mu karere ka Nyagatare ni tariki ya 23 n'iya 24 Kanama 2024 ku kibuga cy'umupira cya Nyagatare.

(4) Mu karere ka Gatsibo ni tariki ya 25 n'iya 26 Kanama 2024 ku biro by'akarere ka Gatsibo.

(5) Mu karere ka Kayonza ni tariki ya 27 n'iya 28 Kanama 2024 ku biro by'akarere ka Kayonza.

(6) Mu karere ka Rwamagana ni tariki ya 29 n'iya 30 Kanama 2024 ku biro by'akarere i Rwamagana.

(7) Mu karere ka Bugesera ni tariki ya 31 Kanama n'iya 1 Nzeri 2024 ku kibuga cy'umupira cya Bugesera (Sitade).

e. **Mu ntara y'Uburengerazuba**:

(1) Mu karere ka Rusizi ni tariki ya 19 n'iya 20 Kanama 2024 kuri sitade ya Rusizi.

(2) Mu karere ka Nyamasheke ni tariki ya 21 n'iya 22 Kanama 2024 ku biro by'akarere.

(3) Mu karere ka Karongi ni tariki ya 23 n'iya 24 Kanama 2024 ku biro by'akarere ka Karongi.

(4) Mu karere ka Rutsiro ni tariki ya 25 n'iya 26 Kanama 2024 kuri sitade ya Rutsiro.

(5) Mu karere ka Rubavu ni tariki ya 27 n'iya 28 Kanama 2024 kuri sitade ya Rubavu.

(6) Mu karere ka Nyabihu ni tariki ya 29 n'iya 30 Kanama 2024 mu kigo cya gisirikare Mukamira.

(7) Mu karere ka Ngororero ni tariki ya 31 Kanama n'iya 1 Nzeri 2024 kuri sitade ya Ngororero.

6. Iri tangazo mushobora kandi kurisoma ku rubuga rwa Minisiteri y'Ingabo www.mod.gov.rw.

7. **Icyitonderwa.** Mu rwego rwo gusobanura ibijyanye n'urwego rw'abasirikare b'Inkeragutabara, ubuyobozi bw'ingabo z'Urwanda bwateganije **ikiganiro kuri Televiziyo Rwanda ku tariki 16 Kanama 2024**. Abifuza kuba abasirikare z'Inkeragutabara basabwe gukurikirana icyo kiganiro mu rwego rwo kurushaho gusobanukirwa imiterere n' imikorere y'ingabo z'Inkeragutabara.

Bikorewe i Kigali, ku wa ...13... Kanama 2024

**Lambert SENDEGEYA**
Colonel
Umuyobozi Mukuru Ushinzwe
Abakozi mu Ngabo z'Igihugu (RDF)